



REPUBLIKA Y'U RWANDA



# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI K' UKWAKIRA 2019

10 Ugushyingo 2019

## **IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI K'UKWAKIRA 2019**

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejewe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi k'Ukwakira 2019. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### **A. Ibiciro mu mijyi**

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 4,4% mu kwezi gushize k'Ukwakira 2019 ugereranyije n'Ukwakira 2018. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa cyenda (Nzeri 2019) ryari ku kigereranyo kingana na 3,1%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 4,4% mu kwezi k'Ukwakira ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 9,9%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byazamutseho 6,9%, n'ibiciro by'ibyambarwa byazamutseho 8,3%.

Iyo ugereranyije Ukwakira 2019 n'Ukwakira 2018, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byarazamutseho 2,9%.

Wagereranya ukwezi kwa cumi (Ukwakira 2019) n'ukwezi kwa cyenda (Nzeri 2019), ibiciro bikiyongeraho 0,6%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 1,2%

### **B. Ibiciro mu byaro**

Mu kwezi gushize k'Ukwakira 2019, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 9,2% ugereranyije n'Ukwakira 2018. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa cyenda (Nzeri 2019) ryari ku kigereranyo kingana na 5,8%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 9,2% mu kwezi k'Ukwakira ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 16,2% n'ibiciro by'ibyambarwa byazamutseho 7%.

~~Uyo~~ ugereranyije ukwezi kwa cumi (Ukwakira 2019) n'ukwezi kwa cyenda (Nzeri 2019), ~~usanga~~ ibiciro byarazamutseho 1,9%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 2,9%.

### Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi ~~gushize~~ k'Ukwakira 2019 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 7,2% ugereranyije n'Ukwakira 2018. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa cyenda (Nzeri 2019) ryari ku kigereranyo kingana na 4,6%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongereyeho 7,2% mu kwezi k'Ukwakira ~~ubeza~~ 2019 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 14,2% n'ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byazamutseho 7%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa cumi (Ukwakira 2019) n'ukwezi kwa cyenda (Nzeri 2019) ibiciro byazamutseho 1,4%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 2,4%.

### Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva mu Ukwakira 2018 kugeza mu Ukwakira 2019

Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva mu Ukwakira 2018 kugeza mu Ukwakira 2019 <i>ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije</i>													
	2018			2019									
	10 <sup>r</sup>	11 <sup>r</sup>	12 <sup>r</sup>	01 <sup>r</sup>	02 <sup>r</sup>	03 <sup>r</sup>	04 <sup>r</sup>	05 <sup>r</sup>	06 <sup>r</sup>	07 <sup>r</sup>	08 <sup>r</sup>	09 <sup>r</sup>	10 <sup>r</sup>
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi	-0,6	0,1	1,1	1,0	0,8	1,1	0,2	0,0	0,9	1,9	2,3	3,1	4,4
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro	-5,4	-1,8	-0,6	-0,4	-1,3	0,4	-0,7	-0,7	0,9	1,3	3,2	5,8	9,2
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda	-3,4	-1,0	0,1	0,2	-0,4	0,7	-0,3	-0,4	0,9	1,6	2,8	4,6	7,2
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi	-0,6	-0,5	-0,2	0,0	0,3	1,1	0,3	0,9	0,0	0,0	0,9	0,9	0,6
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro	-1,4	-0,6	-1,3	0,0	-0,4	3,1	1,2	0,8	-0,1	-0,2	2,5	2,2	1,9
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda	-1,0	-0,5	-0,8	0,0	-0,1	2,2	0,9	0,8	-0,1	-0,1	1,8	1,6	1,4

*Isoko: Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda*

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103 Hot line: 4321

Web site: [www.statistics.gov.rw](http://www.statistics.gov.rw) /CPI Indexes

Email: [info@statistics.gov.rw](mailto:info@statistics.gov.rw)